REPUBLIKA Y'U RWANDA

FARG
Ikigega cya Leta cyo gushyigikira no gutera inkunga abatishoboye
Barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi
Hotline : 3562
E-mail : info@farg.gov.rw

ITANGAZO RYO KUNYUZA KURI RADIO RWANDA, RADIYO ISANGO STAR na RADIO SALUS (inshuro ebyiri ku munsi, mu minsi 10)

Ubuyobozi bwa FARG buramenyesha abanyeshuri bafashwa n' icyo Kigega barangije amashuri yisumbuye mu mwaka w'amashuri w'2018, ndetse n'abarangije mbere, ko abifuza gukomeza mu mashuri makuru basabwe kugeza ku **Karere kabegereye** dosiye ikubiyemo ibi bikurikira kugirango zizigweho:

1. Ifishi yujujwe neza isaba kurihirwa na FARG, iboneka ku biro bya buri Karere cyangwa ku rubuga rwa FARG (www.farg.gov.rw);
2. Inomero iranga icyemezo cy'umunyeshuri ufashwa na FARG (PIN);
3. Fotokopi y'Impamyabumenyi/impamyabushobozi iriho nibura amasomo abiri y'ingenzi umunyeshuri yatsinze **(two principle passes)**.
4. Fotokopi y'Impamyabumenyi/impamyabushobozi igomba kuba iriho umukono wa noteri w'umwimerere.
5. ''Admission letter'' y' Ishuri Rikuru/Kaminuza ryasuzumye impamyabushobozi/impamyabumenyi ye rikemera kumwakira.
6. Fotokopi y' indangamuntu.

Ubuyobozi bwa FARG buramenyesha kandi abanyeshuri bafite impamyabumenyi/impamyabushobozi zitariho''two principle passes'' ko na bo bazageze dosiye zikubiyemo ibyavuzwe haruguru uretse ''admission letter'' ku Karere kabegereye basaba kwishyurirwa muri gahunda y'imyuga y'igihe gito (**short courses programme)**

Dosiye zizakirwa kuva ku itariki ya ***19/08/2019*** kugeza ku ya ***29/08/2019.***

Bikorewe i Kigali, kuwa 13/08/2019.

Theophile **RUBERANGEYO**
Umuyobozi Mukuru wa FARG.